**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GIHAMAGAZA UWATOROTSE UBUTABERA**

Umunsi wa 17 w'Ukwezi kwa Mutarama, Umwaka wa 2023,

Twebwe MUTETELI Constantine, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na UWITONZE Emmanuel, Umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona urubanza RP 01241/2021/TGI/NGOMA ruregwamo NGIRINSHUTI Aloni mwene Mukangoga na Senuma, wavutse mu 1984, utuye mu mudugudu wa Rugina, akagari ka Rwabutazi, Umurenge wa Gatore, akarere ka Kirehe, Intara y'I Burasirazuba, mu Rwanda, ufite ID: N°1198480149013085, akaba aregwa n'Ubushinjacyaha icyaha cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe hamwe n'icyaha cyo gukoresha umutungo w'urugo ku buryo bw'uburiganya, ibyaha biteganywa kandi bigahanwa n'ingingo za 150 na 147 z'Itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu,

Tumaze kubona yararegewe urukiko yaramaze gutoroka ubutabera nk'uko Ubushinjacyaha bubigaragaza,

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,

DUTEGETSE ko **NGIRINSHUTI Aloni**, yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye uyu munsi iki cyemezo gifatiweho, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko akazaburanishwa adahari tariki ya **06/03/2023** saa tatu za mu gitondo **(09h00)**.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kandi kigatangazwa kuri *website* y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

**MUTETELI Constantine** **UWIITONZE Emmanuel**